REPUBULIKA Y' U RWANDA

RP 00065/2021/TGI/RSZ

URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI

**ICYEMEZO N° 00026/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 07 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **HARERIMANA Jean Paul,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwatanze ikirego muri uru rukiko kigahabwa nº **RP 00065/2021/TGI/RSZ**, burega uwitwa **UWIMANA Vestine,** ubwinjiracyaha bw'icyaha cy'ubwicanyi buteganwa n'ingingo ya 21 na 107 y'igitabo cy'amategeko ahana;

Tumaze kubona ko uwitwa **UWIMANA Vestine** mwene BIZIMANA Theodole na TWAGIRAMARIYA Josephine, wavutse muri 1990, avukira mu mudugudu wa Nyagafunzo, mu kagari ka Mwezi, Umurenge wa Karengera, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'iburengerazuba, akaba yari atuye mu mudugudu wa Kamanu, mu kagari ka Mwezi, Umurenge wa Karengera, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'iburengerazuba, ubu akaba akurikiranywe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse Ubutabera, kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **UWIMANA Vestine** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **22/02/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**HARERIMANA Jean Paul**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**